FPR
INKOTANYI

# FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS - INKOTANYI

## IMYANZURO Y'INAMA YA BIRO POLITIKI Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI YO KU WA 21-22 UKWAKIRA 2022.

Tariki ya 21 n'iya 22 Ukwakira 2022, Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI yateraniye i Rusororo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali iyobowe na Nyakubahwa KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika akaba na Chairman w'Umuryango FPR- INKOTANYI.

Iyi nama yari yatumiwemo abahagarariye Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda n'abahagarariye Amadini atandukanye.

Kuri gahunda y'inama hari ingingo zikurikira:

I. Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI;

II. Kugezwaho ibiganiro bikurikira:

- Ikiganiro cya mbere: Imyitwarire y'abanyamuryango, imikorere n'imikoranire no kuzuza inshingano *(RPF member's behaviors, coordination, and institutional performance)*

- Ikiganiro cya kabiri: Iterambere ry'Ubukungu n'imibereho myiza *(Rwanda Socio-economic transformation)*

III. Kwemeza Imyanzuro ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

IV. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI risoza inama.



B.P. 195 Kigali, Rwanda Tel: 0252582048 Fax: 0252582043, Email: info@rpfinkotanyi.org, Website: rpfinkotanyi.org

Abagize Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI bamaze kungurana ibitekerezo ku ngingo zari kuri gahunda y'Inama bafashe imyanzuro ikurikira:

1. Gukemura ibibazo u Rwanda rwanyuzemo n'ubu rukinyuramo hagamijwe kwigira no gukomera k'ubudasa bw'u Rwanda. Gukora mu buryo budasanzwe kugira ngo bigerweho mu buryo burambye;

2. Guhindura imyitwarire idahwitse hagamijwe kugira umuco mbonezamurimo, kubahiriza igihe, ubwangamugayo, indangagaciro n'imyitwarire mbonezabupfura, guhwiturana, kudahishira imico mibi muri byose, ingamba zo kubikurikirana zikanozwa bityo ababirenzeho bakabibazwa;

3. Kubahiriza inshingano zacu by'umwihariko Abayobozi bakazirikana ko umuturage agomba kuba ku isonga kandi ibyo bikava mu mvugo bikajya mu bikorwa;

4. Abayobozi bagomba kwirinda gukoresha ububasha bafite mu nyungu zabo bwite bagomba kandi kurwanya ruswa no kutayihishira;

5. Gutanga serivisi nziza no kunoza inshingano hirindwa cyane cyane ibirangaza n'ibidakwiriye mu kazi aho bakorera;

6. Gutegura no gushyira mu bikorwa igenamigambi mu buryo burambye hirindwa guhuzagurika, himakazwa imikorere n'imikoranire hagati y'inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;

7. Kugira icyerekezo no gukora cyane, kwirinda kwiyandarika, kwirinda ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, gusesagura, kwirinda kugira umururumba no kutanyurwa cyane cyane mu rubyiruko rugamije gukira vuba bitanyuze mu nzira ziboneye;

8. Kongera ubwiza n'ubwinshi bw'ibyo dukora cyane cyane mu rwego rw'ubuhinzi, ubworozi n'inganda kugirango duhangane n'amasoko y'ahandi ku isi no gushishikariza Abanyarwanda kubikunda no kubikoresha aho bishoboka hose, amasoko ya Leta agahabwa ibikorerwa mu Rwanda;

9. Guteza imbere imitangire ya serivisi kugira ngo u Rwanda rube igicumbi cya serivisi zitandukanye harimo iz'imari, ubuvuzi, ubukerarugendo, ikoranabuhanga, ubwikorezi n'izindi.

10. Ababyeyi, abarezi, abanyamadini n'umuryango munyarwanda muri rusange barakangurirwa gusubira ku nshingano za kibyeyi batoza abakiri bato umuco munyarwanda, indangagaciro na kirazira no kubibakundisha kugira ngo bakure barangwa nabyo;

11. Gushyira imbaraga mu kurwanya imirire mibi, igwingira n'umwanda.

12. Gushyiraho ishuri rihoraho ryakwigishirizwamo amahame y'Umuryango FPR-INKOTANYI hagamijwe gusobanurira abakiri bato amatwara yawo "RPF Leadership Academy";

13. Gushyira ingufu mu gusigasira ibyagezweho, no guharanira guhanga ibishya.

Twebwe Abanyamuryango ba FPR-INKOTANYI twiyemeje gukomeza gushyigikira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba na Chairman w'Umuryango, KAGAME Paul, tumwizeza ko turi kumwe nawe mu rugamba rwo kubaka igihugu kandi duhize ko buri wese ahuza imvugo n'ingiro, yiha agaciro kandi akarangiza inshingano ashinzwe uko bikwiye.

**Bikorewe i Rusororo, ku wa 22 Ukwakira 2022**

FRONT PATRIOTIQUE FPR INKOTANYI B.P. 1055 KIGALI